

Kuwa gatandatu taliki ya 21 z'ukwa 5, 2022

Ndabaramukije mwese banyamuryango b'amashuri ya leta muli Buffalo (BPS).

Muli iki cyumweru gishize, habaye ibintu biteye agahinda byatumye amashuri ya leta muli Buffalo (BPS) yabera anyura mu bihe bikomeye. Ni icyumweru cyatuzaniye ihahamuka n'umubabaro ukomeye kubera ubwicanyi bwabaye nta mpamvu kandi budashobora kwumvikana, bukaba bwarahitanye ubuzima bw'inzirakarengane 10.

Urwango urwo ali rwo rose ni nk'uburozi nti rushobora kwihanganirwa! Uko rwaba rumeze kwose, nti tuzarwihanganira mu mashuri yacu yose. Ndasaba abakozi ba BPs, abanyeshuri, imiryango, n'abaturage bese, gutanga amakuru y'urwango bahura nayo. Ni ngombwa kwumva ko kwinumira ali nk'ubufatanyacyaha, n'ubufatanye mu kugira nabi. icyo nsaba ni iki: «n'ugira icyo ubona, cyangwa wumva...tanga amakuru...kandi vuba"! Sigaho kurebera wibaza ko amakuru agomba gutangwa n'abandi. **NI TWE TWESE IMPINDUKA IGOMBA GUTURUKA HO; TWESE TUGOMBA GUKANURA TUKABONA!** Turabisabwa n'ahazaza h'abana bacu!

Muli kiliya cyumweru twiboneye kandi ibikorwa byo kugira ubuntu no kwegerana muli uyu muji wacu "w'abaturanyi beza", ntali naligeze mbona mbere. Byaduhaye icyizere cy'ejo hazaza, n'ubwo twali mu bihe byatera kwiheba.

Ngomba kubamenyeshya ko natwe ishema n'imyitwalire y'abakozi ba BPS. Buli wese muli mwe! Muli kiliya cyumweru, mwashyize hamwe: mufasha abanyeshuri, murabigisha, mubafata mu mugongo kandi mufite akababaro mu mutima kubera liriya shyano lyatugwiliye. Mwerekanye ikinyamwuga no kwitanga bibashyira mu bakozzi bo mu rwego rwo hejuru: niko nabibonye! Ndabibashimira cyane!!

Ku banyeshuri n'imiryango ya BPS: ndabasaba gukomeza kwerekana ukwihangana, kugira icyizere, no gukomeza ubutwali. Ndabizi ko kiliya cyumweru cyabayemo ibintu byatesha umutwe, biteye ubwoba kandi bishobora guhora bibibutse ibintu biteye agahinda...kandi ntakundi byagenda! Aliko, hejuru y'ibyabaye, mweretse igihugu cyose ko MWITAYE KU BUREZI BWANYU kandi ko tudashobora kwemera ko ibikorwa by'urugomo n'ubugwari byatesha BPS inshingano zayo. Narabibakundiye cyane. Tuzi neza ko mufite icyizere cy'ejo hazaza n'ibikorwa by'ingirakamaro muteganya, kandi natwe, abarezi, nti dushobora gutezuka ku ruhare rwacu mu buzima bwanyu, no mu gufasha buli wese muli mwe, kugera ku ntego mwiyeje.

Mu kurangiza: ku bafatanyabikorwa bacu bo muli uyu muji: mwaduteye ingabo mu bitugu maze mwerekana icyo kuba abafatanyabikorwa bivuze! Ndabashimira kuba mwalitabiliye umuhamagaro wo gutabara, kwitangira kugira ubuntu no kugira umutima mwiza wo gushyigikira abanyeshuri bacu, n'abakozi b'amashuri... kandi DUKOMEJE GUTERA IMBERE!

Uwanyu ubakunda,

Dr. Tonja M. Williams, Umuyobozi mukuru

w'agateganyo w'amashuri Bimenyeshyewe: Abagize

inama nkuru y'uburezi.